Uruhare rw'ababyeyi ruteganywa mu Nteruro I

Inama y'ubuyobozi ifite inshingano zo gutanga ubufasha bwose bukenewe ngo habeho gahunda zihamye zerekeranye n'uruhare rw'ababyeyi barerera mu Mashuri avugwa mu Nteruro I. Umuyobozi mukuru cyangwa undi wabishinzwe azayobora Amashuri avugwa mu Nteruro I kugira ngo yuzuze ibisabwa mu Icyiciro 1118(b)- (h) cy'Itegeko ry'uko nta mwana ugomba gusigara inyuma nk'uko bisobanurwa muri iyi nyandiko.

Politiki igena uruhare rw'ababyeyi mu mashuri Icyiciro 1118 (b)

- Ababyeyi bazagira uruhare mu ivugurura ry'iyi nyandiko kandi bayitangeho ibitekerezo.
- Ababyeyi bazamenyeshwa iyi nyandiko kandi, mu gihe cyose bishoboka, izabagezwaho mu rurimi bumva.

Uruhare rwa politiki Icyiciro 1118 (b)

Umuyobozi w'ikigo cyangwa undi wabishinzwe:

- Azatumiza inama y'ishuri ngarukamwaka kugira ngo:
    - ageze ku Mashuri avugwa mu Nteruro I amakuru mashyashya n'ibikoresho
    - atange incamake kuri Gahunda y'Akarere ivugwa mu Nteruro I
    - atange incamake kuri za politiki n'imikorere y'Interuro I
    - gusaba ababyeyi ibitekerezo byabo

  (c(1);c(4)A).
- Azatanga igihe n'ahantu h'inama bitagize uwo bibangamiye, byaba binashoboka akabafasha kugera ahabereye inama no gutaha, kurembera abana, n'ibindi bikorwa bijyana n'inama nko guhindura inyandiko no gusemura (c(2)).
- Azakora, abifashijwe n'ababyeyi, isuzuma ngarukamwaka ry'ibikubiye muri za politiki n'amabwiriza ngengamikorere n'akamaro kabyo hagamijwe kuvugurura imyigire y'Amashuri avugwa mu Nteruro I (c(3)).
    - Gukoresha ibyavuye mu isuzuma ngarukamwaka mu kuvugurura gahunda y'uruhare rw'ababyeyi kandi, byaba ngombwa, za politiki n'amabwiriza ngengamikorere birebana n'uruhare rw'ababyeyi bikavugururwa.
    - Gukoresha ibyavuye mu isuzuma ngarukamwaka kugira ngo hagaragazwe inzitizi zibuza ko ababyeyi barushaho kugira uruhare maze hagashyirwaho ingamba zatuma ababyeyi barushaho kugira uruhare rugaragara.
- Azategura, ashyire mu bikorwa, kandi avugurure buri mwaka gahunda y'ibikorwa yerekeranye n'uruhare rw'ababyeyi ijyanye na za gahunda rusange z'amashuri avugwa mu Nteruro I n'ibisabwa mu Nteruro III (c(3); c(5)).
- Azakora ku buryo ababyeyi bagira uruhare mu itegurwa, ishyira mu bukorwa, n'isuzuma rya gahunda y'ishuri ryose hamwe na za politiki n'amabwiriza ngengamikorere bivugwa mu Cyiciro 1112 (c(3)).

- Azageza ku babyeyi amakuru mashyashya areba abanyeshuri babo hakubiyemo imitsindire y'abanyeshuri, gahunda y'amasomo, isuzuma, n'abakozi b'ishuri (c(4)B; d(2)A-C).
- Mu gihe ababyeyi babisabye, azakora ku buryo hajya habaho amanama ahozeho yabafasha kugira uruhare mu ifata ry'ibyemezo birebana n'imyigire y'abanyeshuri babo (c(4)C).

Inshingano zisangiwe hagamijwe ko abanyeshuri bagira umusaruro ushimishije cyane mu masomo yabo Interuro1118 (d)

Umuyobozi w'ikigo cyangwa undi wabishinzwe :

- Azategura, abifashijwemo n'ababyeyi, amasezerano hagati y'ishuri n'ababyeyi (d(1)).

Amahugurwa agamije kongera uruhare Icyiciro 1118 (e)

Umuyobozi w'ikigo cyangwa undi wabishinzwe:

- Azateganya kandi ashyire mu bikorwa gahunda ihamye y'uruhare rw'ababyeyi (e).
- Azahuza no kwinjiza ingamba zerekeranye n'uruhare rw'ababyeyi mu zindi gahunda zireba uruhare rw'ababyeyi ku rwego rw'akarere, leta, igihugu, umurenge (e(1)-(4)).
- Azatanga amahugurwa n'ubwunganizi ku mashuri avugwa mu Nteruro I, hakubiyemo ababyeyi, hagamijwe gutegura gahunda zirebana n'uruhare rw'ababyeyi no gutanga ibikenerwa bijyanye na za gahunda rusange z'amashuri avugwa mu Nteruro I n'ibisabwa mu Nteruro III (e(3); e(12)).
- Azahuza, atange ubwunganizi mu bya tekiniki, n'ubundi bwunganizi bukenewe mu gufasha amashuri arebwa mu gutegura no gushyira mu bikorwa ibikorwa bigaragara byerekeranye n'uruhare rw'ababyeyi mu gutuma abanyeshuri bagira umusaruro mu by'amasomo n'imikorere birushijeho kuba byiza (e(11)).
- Azategura amanama ahozaho ahuza za komite zihagarariye abandi zikubiyemo Itsinda ry'Uruhare rw'ababyeyi ry'akarere (D-PAT) hamwe na komite njyanama ku babyeyi b'abana biga icyongereza (ELL), Ababyeyi b'abana biga icyongereza muri Boise (BPEL). Intego y'izo komite ni ukungurana ibitekerezo, gukora ubushakashatsi, guha ababyeyi umwanya wo kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo birebana na za gahunda z'akarere, kandi zikayobora zikanatanga ibyangombwa bikenewe ku mashuri avugwa mu Nteruro I (e(12)).

Koroherezwa uburyo bwo kugira uruhare Icyiciro 1118 (f)

- Gutanga uburyo bworohereza ababyeyi kugira uruhare, hakubiyemo ababyeyi bafite ubushobozi buke mu by'ubukungu; abafite ubumuga; batisanzura neza mu rurimi rw'icyongereza, cyangwa se bize amashuri make; cyangwa se n'ababarirwa mu matsinda rya ba rubanda nyamuke bigendanye n'ibara cyangwa ubwoko bwabo.